# 196: Ni Yes' ufit' urufunguzo Rw' ibizaba

1. Ni Yesu ufite urufunguzo
   rw' ibizaba.
Ni byo bihora binnezeza;
nta wundi wo kurundindira,
keretse We, keretse We.

2. Sintinya ibyago bizanzaho :
   Ndamwizeye,
Kuko andi imbere abitunganya;
ni na we umenya ibinkwiriye :
Ko ari byiza ! Ko ari byiza !

3. Ndi impumyi njyewe, sinamenya
   Ibyamfasha.
Ntabwo nzamwaka urufunguzo ;
Ahubwo mfashe ukuboko kwe,
Mwiringiye,mwiringiye !

4. Ntabwo namenya imigambi ye;
   Nzi kimwe cyo!
Nzi yuko ankunda ubudasiba,
Nzi yuko ambera ubuhungiro,
Nkiri mu isi, nkiri mu isi.

5. Yewe, ibyo birampagije :
   Nguwe neza !
Sindeba koko ibizambaho,
Bizwi na Yesu wamfiriye.
Natinya iki ? Natinya iki ?

Visit us at burundi.indirimbo.com